Kigali, kuwa 13/03/1998

NDABIKUNZE Emmanuel
C/O MIJESCAFOP
CHRONIQUEUR DES EMMISSIONS
RADIO DIFFUSEES

Bwana Munyamabanga Mukuru
muri Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo,
Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse
KIGALI

Impamvu:
Gusobanura neza ibikoresho
by'ibanze bikenewe.

Bwana Munyamabanga Mukuru,

Maze kugera muri Minisiteri ya MIJESCAFOP cyane cyane m'Ubuyobozi bw'Itangazamakuru kureba ibikoresho bihari n'ibikenewe mu kazi Minisiteri yanshinze ko gutanga ibiganiro bya Minisiteri, nasanze hari NAGRA gusa kandi nayo ikeneye gukorwa kugirango ikoreshe amabuye asanzwe akoreshwa muri Radio (Piles) kubera ko ubu NAGRA Minisiteri ifite ikoze muburyo bukoresha amashanyarazi gusa.

Ku bindi bikoresho nkenerwa, hakoreshwa na Bandes d'enregistrements, Bandes Fines, Bandes Amorçes, Bandes de scotch ibyo byose nta na kimwe nasanze muri MIJESCAFOP kuburyo ubu hakenewe kugura ibindi muburyo bwihutirwa kugirango umurimo nasabwe wo gutanga ibiganiro kuri Radio Rwanda mu rwego rwa Minisiteri ukorwe. Kubyerekeye ibiciro byabyo n'uko byaboneka, hamwe n'ubu busobanuro, mbohereje na Facture Proforma ya R.M.S.I, Commerce Général bacuruza bakanatumiza Bandes hanze.

Nkuko bizwi, mukazi k'itangazamakuru, Umunyamakuru iteka asabwa gukorera hanze ibyo azanye akabitunganyiriza mu biro (bureau) niyo mpamvu mukazi nashinzwe nsabwa iteka gukora hirya no hino mu ngendo nsura nkanatangaza ibikorwa bya Minisiteri mu biganiro bizajya bitambuka kuri Radio mu biganiro bya MIJESCAFOP. Kubera iyo mpamvu nkeneye uburyo bwo gutwara ibyuma nibura nk'imodoka ntoya itaboneka mukambonera ipikipiki y'akazi ntoya imfasha kujya hirya no hino n'ubwo ubwo buryo bugoye bitewe n'uko nta mutekano uhagije habonetse nk'akamodoka gato gatwara NAGRA, BANDES byarushaho gutuma akazi karushaho kugenda neza cyakora ibaye itabonetse vuba nakoresha nka moto mugihe naba ntegereje ko iyo modoka yaboneka. Ariko atari bimwe byo kuvuga ngo uyu munsi nta kugenda bitewe n'impamvu iyo ariyo yose nyamara akazi kateguwe.

Bwana Munyamabanga Mukuru, mukazi k'itangazamakuru nsabwa byinshi nko guherekeza Minisitiri mu ngendo mu gihugu imbere ndetse no hanze y'igihugu, nzajya njyana n'Abayobozi bakuru ba Minisiteri gusura ibigo aho hose n'ingaruka muri Minisiteri gutegura amakuru yo kohereza kuri Radio bizansaba kugira aho mbika ibyuma by'akazi ndetse naza Intervews nzaba nafashe zigomba gutambuka kuri Radio mu biganiro aha murabona ko kugira Bureau ari ngombwa kandi ikenewe kugirango tubone aho ntegurira n'aho mbika ibikoresho by'akazi . Ibyakkenerwa ni byinshi ariko ndabona ibyo mbabwiye aribyo by'ibanze ibindi bizajya bishakwa buhoro buhoro. cyakora ibi mvuze haruguru bibonetse ibiganiro byatangira gutambuka kuri Radio.

Mbaye mbashimiye.

C.P.I
- Monsieur le Directeur de la Jeunesse au MIJEUSCAFOP.
KIGALI.

Chroniqueur des Emmissions

NDABIKUNZE Emmanuel

[signature]